46° **isosiyete y'ubucuruzi ikivuka:** isosiyete y'ubucuruzi idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igira uruhare mu gushyiraho, guteza imbere no kwagura ibintu cyangwa serivisi bigezweho, bihanga udushya kandi byubahirije ibiteganywa n'amategeko abigenga;

47° **ikigo gitanga serivisi zo gucunga iby'abandi no kugira inama ibindi bigo:** umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy'ubucuruzi biyemeza kimwe mu bikorwa bikurikira bijyanye n'ubucuruzi mpuzamahanga:

entity, a partnership or an entity that is involved in the construction or operations of the real estate of a licensed specialised innovation park;

45º **specialised industrial park developer**: a domiciled commercial entity, a partnership or an entity that is involved in the construction or operations of the real estate of a licensed industrial park designated for a specialised purpose;

46º **start-up:** an infancy stage private company involved in creating, improving and expanding a scalable, innovative product or service, and which complies with provisions of relevant laws;

47º **trust and corporate service provider:** an individual or a commercial entity undertaking any of the following activities in relation to global business:

partenariat ou entité domiciliée impliquée dans la construction ou dans les opérations des biens immobiliers d'un parc d'innovation spécialisé agréé;

45º **promoteur du parc industriel spécialisé:** entité commerciale, partenariat ou entité domiciliée impliquée dans la construction ou dans les opérations des biens immobiliers d'un parc industriel spécialisé pour un objectif spécifique;

46º **société commerciale naissante:** une société privée qui est à ses débuts et qui participe à la création, à l'amélioration et au développement d'un produit ou d'un service évolutif et innovant et qui se conforme aux dispositions de la législation en la matière;

47º **prestataire de services aux sociétés et de fiducie:** personne physique ou entité commerciale qui entreprend une des activités suivantes en relation avec le commerce global:

a) gukora nk'intumwa y'isosiyete cyangwa ubufatanye mu bucuruzi;

b) gukora cyangwa gufasha undi muntu gukora nk'ugize inama y'ubutegetsi, umunyamabanga cyangwa umukozi mukuru w'isosiyete cyangwa umunyamuryango w'isosiyete ikorana n'indi cyangwa umukozi mukuru wa fondasiyo;

c) gutanga serivisi zo kuyobora cyangwa gucunga ikigo cy'ubwizerane, isosiyete, ubufatanye mu bucuruzi, fondasiyo cyangwa ikindi kigo gifite ubuzima gatozi cyangwa ikigega;

d) kuba icyicaro, aho ikigo kibarizwa mu bijyanye n'amacumbi, aho isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi, fondasiyo cyangwa undi muntu bakirira ubutumwa buhererekanwa mu buyobozi;

e) gukora nk'intumwa ituye mu gihugu kugira ngo abe yujuje ibisabwa bijyanye no gutunga amakuru yerekeye uburenganzira ku mitungo cyangwa inyungu ziyikomokaho;

a) acting as a corporate orpartnership formation agent;

b) acting as or arranging for another person to act as a director, secretary or senior manager of a company or a partner of a partnership or as a foundation senior manager;

c) providing administration or management of a trust, company, partnership, foundation or for any other legal person or legal arrangement;

d) providing registered office, business address for accommodation, correspondence for administrative address for a company, partnership, foundation or for another person;

e) acting as a resident agent for the purposes of meeting requirements to hold beneficial ownership or interest information;

a) agir en tant qu'agent d'une société ou d'une société en partenariat;

b) agir en tant que ou faire en sorte qu'une autre personne agisse en tant que directeur, secrétaire ou cadre dirigeant d'une société ou d'un partenaire d'une société en partenariat ou en tant que cadre dirigeant d'une fondation;

c) assurer l'administration ou la gestion d'une fiducie, d'une société, d'une société en partenariat, d'une fondation ou pour toute autre personne morale ou arrangement juridique;

d) servir de siège social, d'adresse commerciale pour le logement, la correspondance pour l'adresse administrative d'une société, d'une société en partenariat, d'une fondation ou pour une autre personne;

e) agir en tant qu'agent résident afin de satisfaire aux exigences relatives à la détention d'informations sur la propriété effective ou les intérêts;

f) gukora cyangwa gufasha undi muntu gukora nk'ucunga iby'abandi w'umwuga ukorera ikigo cy'ubwizerane;

g) gukora cyangwa gufasha undi muntu gukora nk'umunyamigabane wagenwe kuba intumwa ihagararira ikindi kigo gifite ubuzima gatozi;

**48° serivisi zo gucunga umutungo w'abandi:** serivisi zitangwa n'impuguke zikora umwuga w'ishoramari hagamijwe kuwubyaza umusaruro ushoboka mu ishoramari;

**49° inyongeragaciro:** guhindura ikintu hagamijwe kucyongerera agaciro kangana nibura n'igipimo fatizo giteganywa n'amabwiriza y'inkomoko y'ibikorerwa mu nganda y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba;

**50° ishyingu shingiro ry'ishoramari:** amafaranga atanzwe n'umushoramari mu gutangiza ikigo kikivuka, isosiyeti itaguza cyangwa isosiyete igeze mu kwagura ibikorwa by'ubucuruzi mu rundi rwego rushya kandi hari amahirwe yo kugera ku musaruro

f) acting as or arranging for another person to act as a trustee of an express trust; and

g) acting as or arranging for another person to act as a nominee shareholder for another legal person;

**48º wealth management services:** professional financial services provided by investment professionals to maximize returns on investments;

**49º value addition:** product processing which increases its value by at least the reference rate as defined by the rules of origin in terms of manufacturing issued by the East African Community;

**50º venture capital:** money provided by an investor in the launch of a start-up, a company in its infancy stage or one which is expanding into a new field of business activities with perceived long- term growth potential.

f) agir en qualité de fidéicommissaire ou faire en sorte qu'une autre personne agisse en cette qualité d'un fiducie;

g) agir ou faire en sorte qu'une autre personne agisse en tant qu'actionnaire désigné pour une autre personne morale;

**48º services de gestion du patrimoine:** services financiers professionnels fournis par des professionnels de l'investissement pour maximiser le rendement des investissements;

**49º valeur ajoutée:** transformation du produit pour augmenter sa valeur à un taux de référence comme défini par les règles d'origine en matière de fabrication émises par la Communauté d'Afrique de l'Est;

**50º capital-risque:** argent fourni par un investisseur dans le lancement d'une société commerciale naissante, une société qui est à ses débuts ou en extension dans un nouveau domaine d'activités commerciales avec un rendement potentiel à long terme;

nyuma y'igihe kirekire;

51° **Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye:** igikorwa kijyanye cyangwa kitajyanye n'imisoro kigenerwa umushoramari wanditswe hagendewe ku ruhare rwe mu iterambere ry'igihugu hagamijwe korohereza no gushyigikira ishoramari rye.

**UMUTWE WA II: KOROHEREZA ISHORAMARI**

**Icyiciro cya mbere: Ibyo umushoramari yemerewe**

**Ingingo ya 3: Ishoramari rifunguye**

Inzego zose z'ubucuruzi zirafunguye ku ishoramari ryigenga hatitawe ku nkomoko y'umushoramari.

Icyakora, umushoramari ashishikarizwa gushora imari mu nzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi.

**Ingingo ya 4: Inzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi**

Inzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi zigenerwa ibyemezo bishishikariza ishoramari

51º **investment incentives**: tax or non-tax inducement extended to a registered investor following his or her contribution to the national development in order to facilitate and support his or her investment.

**CHAPTER II: INVESTMENT FACILITATION**

**Section One: Guarantees to the investor**

**Article 3: Openness to investment**

All business sectors are open to private investment regardless of the origin of the investor.

However, an investor is encouraged to invest in priority economic sectors.

**Article 4: Priority economic sectors**

The priority economic sectors that benefit from investment incentives are the following:

51º **incitants à l'investissement**: avantages fiscaux ou non fiscaux réservés à un investisseur enregistré selon sa contribution au développement national pour faciliter ou soutenir son investissement.

**CHAPITRE II: FACILITATION DES INVESTISSEMENTS**

**Section première: Garanties à un investisseur**

**Article 3: Ouverture à l'investissement**

Tous les secteurs d'activité sont ouverts à l'investissement privé quelle que soit1'origine de l'investisseur.

Toutefois, un investisseur est encouragé à investir dans les secteurs économiques prioritaires.

**Article 4: Secteurs économiques prioritaires**

Les secteurs économiques prioritaires, qui bénéficient des incitants à l'investissement,

ni izi zikurikira:

1º kohereza mu mahanga;

2º gutunganya ibikorerwa mu nganda zikora imyenda n'imyambaro, iza elegitoroniki, iz'ibikoresho by'ikoranabuhanga n'itumanaho n'isakazabumenyi, iz'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi byaguye hatarimo ikawa n'icyayi, iz'ibikoresho mu buvuzi, izo gutunganya imbaho, ibirahuri n'ibumba, izitunganya n'izongerera agaciro umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikoresho by'ubuhinzi n'izindi nganda zifitanye isano na byo zibarizwa muri ibi byiciro;

3º ibikorwa bibyazwa ingufu z'amashanyarazi, kuzitwara no kuzikwirakwiza;

4º ikoranabuhanga n'itumanaho mu isakazabumenyi, ibikorwa by'isosiyete bikorwa n'indi sosiyete na serivisi z'imari;

5º ibikorwa by'ubucukuzi bifitanye isano n'ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro;

1º export;

2º manufacturing in the textiles and apparel, electronics, information communication and technology equipment, large scale agricultural operations excluding coffee and tea, pharmaceuticals, processing in wood, glass and ceramics, processing and value addition in mining, agricultural equipment and other related industries that fall in these categories;

3º energy generation, transmission and distribution;

4º information and communication technologies, business process outsourcing and financial services;

5º mining activities relating to mineral exploration;

sont les suivants:

1º l'exportation;

2º la fabrication dans le secteur textile et de l'habillement, l'électronique, l'équipement de technologie de l'information et de la communication, les exploitations agricoles à grande échelle à l'exception du café et du thé, les produits pharmaceutiques, le traitement du bois, des verres et des céramiques, le traitement et la création de la valeur ajoutée dans les exploitations minières, l'équipement agricole et autres industries connexes qui relèvent de ces catégories;

3º la production, le transport et la distribution d'énergie;

4º les technologies de l'information et de la communication, l'externalisation des processus de société et les services financiers;

5º les activités minières liées à l'exploration minière;

6º ubwikorezi bw'abantu n'ibintu, ibikoresho n'ibinyabiziga bikoresha ingufu z'amashanyarazi;

7º ibikorwa by'ubwubatsi cyangwa indi mirimo y'ibyanya byihariye byo guhanga udushya cyangwa ibyanya byihariye mu by'inganda;

8º amazu yo guturamo aciriritse;

9º ubukerarugendo, burimo amahoteri, ubukerarugendo bwo kwihera ijisho ibidukikije n'ubukerarugendo bwibanda ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi;

10º ubuhinzi bw'indabo, imboga, imbuto n'ibindi bihingwa bifite agaciro ku isoko mpuzamahanga biri ku rutonde rwemezwa n'urwego;

11º ibihangano by'ubugeni n'ubukorikori mu rwego rw'uruganda rwa filimi;

12º kongera ubumenyi mu nzego bigaragara ko igihugu gifitemo ubumenyi n'ubushobozi bidahagije zigenwa n'urwego.

6º transport, logistics and electric mobility;

7º construction or operations of specialised innovation parks or specialised industrial parks;

8º affordable housing;

9º tourism that includes hotels, adventure tourism and agro-tourism;

10º horticulture and cultivation of other high-value plants included on the list approved by the Board;

11º creative arts in the subsector of the film industry;

12º skills development in areas where the country has limited skills and capacity as determined by the Board.

6º le transport, la logistique et la mobilité électrique;

7º la construction ou les activités des parcs d'innovation spécialisés ou des parcs industriels spécialisés;

8º les logements à prix abordable;

9º le tourisme qui comprend l'hôtellerie, le tourisme d'aventure et l'agrotourisme;

10º l'horticulture et la culture d'autres plantes à forte valeur figurant sur la liste approuvée par l'Office;

11º les arts créatifs dans le sous-secteur de l'industrie cinématographique;

12º le développement des compétences dans les domaines où le pays dispose de compétences et de capacités limitées déterminés par l'Office.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena izindi nzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi.

**Ingingo ya 5: Imishinga y'ishoramari rirambye**

Imishinga y'ishoramari rirambye ni imishinga y'ishoramari ifite akamaro ku rwego rw'igihugu, izana impinduka zirambye mu iterambere ry'igihugu kandi yujuje kimwe mu bishingirwaho bikurikira:

a) ishoramari rishinga imizi mu kugaragaza akamaro karyo rigitangira;

b) izana impinduka igaragara ku ruhererekane nyongeragaciro mu rwego ukoreramo;

c) igaragaza ibyiza Igihugu cyubakiyeho, yatekererejwe mu Rwanda kandi iharanira iterambere ryarwo, ibindi bihugu bya Afurika n'amasoko mpuzamahanga hagamijwe kwemeza inyigo y'ibishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo bushya bw'imikorere, haba mu gukemura ibibazo bisanzweho cyangwa gushyira mu bikorwa ingamba nshya;

d) iteza imbere ibikorwa bya inovasiyo mu guhanga amasoko atuma ibintu na serivisi

An Order of the Minister can determine other priority economic sectors.

**Article 5: Strategic investment projects**

Strategic investment projects are investment projects of national importance, which have a strategic impact on the development of the country and which meet one of the following criteria:

a) an anchor investment with first-mover demonstration effects;

b) to create a significant impact on the value chain in its sector;

c) to develop a proof of concept established in Rwanda for Rwanda, the rest of Africa or global markets to validate the feasibility of a new way of doing things, either to solve existing problems or to execute new strategies;

d) to develop market-creating innovations which make essential

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres secteurs économiques prioritaires.

**Article 5: Projets d'investissements stratégiques**

Les projets d'investissements stratégiques sont les projets d'investissements à importance nationale qui ont un impact stratégique sur le développement du pays et qui répondent à l'un des critères suivants:

a) un investissement d'ancrage qui démontre des effets dès ses débuts;

b) avoir un impact significatif sur la chaîne de valeur dans son secteur;

c) développer la démonstration d'un concept établie au Rwanda pour le Rwanda, le reste de l'Afrique ou les marchés mondiaux pour valider la faisabilité d'une nouvelle façon de faire les choses, soit pour résoudre des problèmes existants ou pour exécuter de nouvelles stratégies ;

d) développer des innovations créatrices de marché qui rendent les produits essentiels

bikenewe biboneka byoroheje kandi bidahenze kandi irushaho guteza imbere imibereho y'abaturage n'ibibatunga muri rusange;

e) ishoramari rifatika mu byerekeye umubare w'imari ishowe mu mushinga, ibiteganyijwe kuzagerwaho n'umushinga n'umubare w'imirimo izahangwa;

f) ibindi bishingirwaho byagenwa na Komite ishinzwe ishoramari ryigenga.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye**

Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye biteganyijwe mu mugereka w'iri tegeko bihabwa umushoramari wanditswe wujuje ibisabwa.

Icyakora, umushoramari wanditswe ashobora kwemererwa ibindi byemezo bishishikariza ishoramari byihariye byiyongera ku biteganywa n'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi byemezo bishishikariza ishoramari byihariye bihuje n'inzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi.

products simple and affordable and improve livelihoods of the broader population;

e) an investment of significant scale in terms of the investment amount, production outputs and number of jobs created;

f) other criteria as determined by the Private Investment Committee.

**<u>Article 6</u>: Investment incentives**

Investment incentives provided for in Annex to this Law are granted to a registered investor fulfilling requirements.

However, a registered investor is entitled to other investment incentives in addition to those provided for by this Law.

An Order of the Minister may determine other investment incentives corresponding to additional priority economic sectors.

simples et abordables et augmentent les moyens de subsistance de la population en général;

e) un investissement d'une ampleur significative en termes de montant de l'investissement, de production et de nombre d'emplois créés;

f) d'autres critères déterminés par le Comité des investissements privés.

**<u>Article 6</u>: Incitants à l'investissement**

Les incitants à l'investissement prévus en annexe à la présente loi sont accordés à un investisseur enregistré qui remplit les conditions requises.

Toutefois, un investisseur enregistré peut avoir droit à d'autres incitants à l'investissement supplémentaires à ceux prévus par la présente loi.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres incitants à l'investissement correspondant aux secteurs économiques prioritaires.

**Ingingo ya 7: Ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyogera bitangwa n'Inama y'Abaminisitiri**

Inama y'Abaminisitiri ishobora guha umushoramari wanditswe kandi washoye imari mu mishinga y'ishoramari rirambye ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera ku biteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 8: Iyemezwa ry'imishinga y'ishoramari rirambye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera**

Imishinga y'ishoramari rirambye yujuje ibishingirwaho n'ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera bijyanye nayo byemezwa n'Inama y'Abaminisitiri ibisabwe na Komite ishinzwe ishoramari ryigenga.

Ubusabe bwo kwemeza imishinga y'ishoramari rirambye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera bugaragaza ibi bikurikira:

1° urwego rw'ishoramari;

2° umubare w'amafaranga y'ishoramari uteganyijwe;

**Article 7: Investment incentives granted by the Cabinet**

The Cabinet may grant to a registered investor for strategic investment projects additional investment incentives to the incentives provided for by this Law.

**Article 8: Approval of strategic investment projects and corresponding additional investment incentives**

Strategic investment projects that meet qualifying criteria and corresponding additional investment incentives are approved by the Cabinet upon proposal of the Private Investment Committee.

The proposal to approve strategic investment projects and corresponding additional investment incentives indicates the following:

1 º sector of the investment;

2 º estimated investment amount;

**Article 7: Incitants à l'investissement accordés par le Conseil des Ministres**

Le Conseil des Ministres peut accorder à un investisseur enregistré pour les projets d'investissement stratégique des incitants à l'investissement supplémentaires à ceux prévus par la présente loi.

**Article 8: Approbation des projets d'investissement stratégique et des incitants à l'investissement supplémentaires**

Les projets d'investissement stratégique répondant aux critères de qualification et des incitants à l'investissement supplémentaires sont approuvés par le Conseil des Ministres sur proposition du Comité des investissements privés.

La proposition d'approuver des projets d'investissement stratégique et des incitants à l'investissement supplémentaires indique ceux qui suivent:

1 º le secteur de l'investissement;

2 º le montant estimé de l'investissement;

3° umubare w'imirimo iteganyijwe kuzahangwa;

4° ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera bijyana n'iyo mishinga bya ngombwa kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rigere ku musaruro ushimishije;

5° impinduka mu bukungu iryo shoramari rizazana kandi aho bibaye ngombwa, hagakorwa isesengura ry'ikiguzi n'inyungu bizakomoka ku byemezo bishishikariza ishoramari.

Iyo imishinga y'ishoramari n'ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera bijyana nayo bimaze kwemezwa, haganirwa ku masezerano hagati y'umushoramari wanditswe na Guverinoma.

**Ingingo ya 9: Uko umushoramari w'umunyamahanga afatwa mu Gihugu**

Umushoramari w'umunyamahanga yemerewe gushora imari no kugura imigabane mu kigo cy'ishoramari mu Rwanda kandi afatwa kimwe n'umushoramari w'Umunyarwanda ku bijyanye n'ibyemezo bishishikariza ishoramari no koroherezwa mu ishoramari.

3 º estimated number of jobs to be created;

4 º corresponding additional investment incentives necessary for the successful implementation of the project;

5 º commercial and economic impact of the investment and where applicable, a cost-benefit analysis of the investment incentives to be granted.

Upon approval of strategic investment projects and their corresponding additional investment incentives, an agreement is negotiated between the registered investor and the Government.

**Article 9: Foreign investor treatment in the country**

A foreign investor is authorized to invest and purchase shares in an investment entity in Rwanda and is given equal treatment with Rwandan investors with regard to investment incentives and investment facilitation.

3 º le nombre estimé d'emplois à créer;

4 º les incitants à l'investissement supplémentaires correspondants nécessaires à la bonne réalisation du projet;

5 º l'impact commercial et économique de l'investissement et, le cas échéant, une analyse coûts-avantages des incitants à l'investissement à accorder.

Après l'approbation des projets d'investissement stratégique et les incitants à l'investissement correspondants, un accord est négocié entre l'investisseur enregistré et le Gouvernement.

**Article 9: Traitement d'un investisseur étranger dans le pays**

Un investisseur étranger est autorisé à investir et acquérir des actions dans une entité d'investissement au Rwanda et bénéficie du même traitement qu'un investisseur rwandais en ce qui concerne les incitants à l'investissement et la facilitation d'investissement.

**Ingingo ya 10: Kurengera ishyingu n'umutungo by'umushoramari**

Umushoramari afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa awufatanyije n'abandi. Umutungo bwite w'umushoramari cyangwa uwo afatanyije n'abandi ni ntavogerwa.

Ishoramari, inyungu cyangwa uburenganzira ku mutungo ugize ishoramari ntibishobora gufatirwa cyangwa kunyagwa, keretse mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.

Umushoramari yimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange mu mutungo we w'ishoramari abanje guhabwa indishyi ikwiye nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 11: Kurengera uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge mu by'ishoramari**

Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge n'uburenganzira ku ihererekanyabumenyi by'umushoramari birengerwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 10: Protection of the investor's capital and assets**

An investor has right to own private property, whether individually or collectively. Private property, whether individually or collectively owned, is inviolable.

Investment, interest in or right over a property forming part of the investment cannot be seized or confiscated, except where provided for by relevant laws.

Action to expropriate an investor's property in public interest is taken after the investor is given fair compensation in accordance with relevant laws.

**Article 11: Protection of intellectual property rights in relation to investment**

The investor's intellectual property rights and legitimate rights related to technology transfer are protected in accordance with relevant laws.

**Article 10: Protection du capital et du patrimoine de l'investisseur**

Un investisseur a droit à la propriété privée, qu'elle soit individuelle ou collective. La propriété privée individuelle ou collective est inviolable.

Un investissement, un intérêt ou un droit en rapport avec une propriété faisant partie de l'investissement ne peut pas faire l'objet de saisie ou de confiscation, sauf dans les cas prévus par la législation en la matière.

Un investisseur est exproprié pour cause d'utilité publique après qu'une juste indemnisation lui ait été versée conformément à la législation en la matière.

**Article 11: Protection des droits à la propriété intellectuelle en matière d'investissement**

Les droits à la propriété intellectuelle de l'investisseur et les droits légitimes sur le transfert de la technologie sont protégés conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 12: Gusohora mu gihugu ishyingu n'umutungo**

Nyuma yo kubahiriza inshingano z'imisoro mu Rwanda, umushoramari yemerewe gusohora mu gihugu ibintu bikurikira:

1 º igishoro;

2 º inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi;

3 º umwenda shingiro n'inyungu ku nguzanyo yo mu mahanga;

4 º ibikomoka ku iseswa ry'igikorwa cy'ishoramari;

5 º undi mutungo w'umushoramari.

**Ingingo ya 13: Gukemura impaka**

Impaka zivutse hagati y'umushoramari n'urwego rwa Leta, ku birebana n'ishoramari ryanditse zikemurwa mu bwumvikane.

Iyo impaka zidakemutse mu bwumvikane, impande zombi ziyambaza ikigo cy'ubukemurampaka cyumvikanyweho cyangwa ubundi buryo bwo gukemura impaka buteganywa mu masezerano impande zombi zihitiyemo.

**Article 12: Repatriation of capital and assets**

Upon fulfilling tax obligations in Rwanda, an investor is allowed to repatriate the following:

1 º the capital;

2 º profits derived from business activities;

3 º debt and interest on foreign loans;

4 º proceeds from the liquidation of investment;

5 º other assets of an investor.

**Article 13: Dispute settlement**

A dispute that arises between an investor and a State organ in connection with a registered investment is amicably settled.

If an amicable settlement cannot be reached, parties refer the dispute to an agreed arbitration institution or to any other dispute settlement procedure provided for under an agreement between both parties.

**Article 12: Rapatriement du capital et du patrimoine**

Après l'accomplissement des obligations fiscales au Rwanda, un investisseur a le droit de rapatrier ce qui suit:

1 º le capital;

2 º les profits découlant de ses activités commerciales;

3 º le principal et intérêt sur le prêt étranger;

4 º le produit de la liquidation de l'investissement;

5 º autres actifs appartenant à l'investisseur.

**Article 13: Règlement des différends**

Un différend qui naît entre un investisseur et un organe de l'État en rapport avec un investissement enregistré est réglé à l'amiable.

À défaut de règlement à l'amiable, les parties renvoient leur différend à l'institution d'arbitrage convenue ou à toute autre modalité de règlement de différends prévue dans l'accord conclu entre les deux parties.

Iyo nta buryo bwo gukemura impaka bwumvikanyweho mu masezerano yanditse, impande zombi ziyambaza urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 14: Ibindi umushoramari yemerewe**

Urwego ruha serivisi zihoraho zo korohereza umushoramari mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga we, rukanamworohereza muri ibi bikurikira:

1º guhabwa viza n'uruhushya rwo gukora;

2º kugezwaho amazi n'amashanyarazi;

3º guhabwa uruhushya n'urwego ashaka gukoreramo, aho bikenewe;

4º guhabwa icyemezo y'isuzumangaruka ku bidukikije;

5º ubundi bufasha bwakenerwa bujyanye n'ishoramari bibayengombwa.

If no dispute settlement procedure is provided under a written agreement, both parties refer the dispute to the competent court.

**Article 14: Other guarantees to an investor**

The Board ensures day-to-day facilitation to an investor in the implementation of his or her project and also facilitates him or her in the following:

1º acquiring visas and work permits;

2º water and electricity connection;

3º being granted a licence by the business sector in which he or she intends to operate, where applicable;

4º getting an environmental impact assessment certificate;

5º other investment-related support that may be required.

Lorsqu'aucune modalité d'arbitrage n'est prévue dans l'accord écrit, les deux parties saisissent la juridiction compétente.

**Article 14: Autres garanties à un investisseur**

L'Office assure le service quotidien facilitant l'investisseur dans la mise en œuvre de son projet et lui facilite également ce qui suit :

1º l'obtention des visas et des permis de travail;

2º le raccordement à l'eau et à l'électricité;

3º l'obtention d'une licence délivrée par le secteur d'activité dans lequel il veut opérer, le cas échéant;

4º l'obtention d'un certificat d'étude d'impact environnemental;

5º autre assistance qui s'avérerait nécessaire en matière d'investissement.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Inzego zigira uruhare mu korohereza ishoramari**

**<u>Ingingo ya 15:</u> Komite ishinzwe ishoramari ryigenga**

Hashyizweho Komite ishinzwe ishoramari ryigenga. Ifite inshingano zikurikira:

1° gusuzuma no kwemeza imishinga y'ishoramari rirambye yo kuganiraho no kugirana amasezerano na Guverinoma;

2° gusuzuma no kwemeza ibyemezo bishishikariza ishoramari byihariye by'inyongera bisabirwa gutangwa mu mishinga y'ishoramari rirambye;

3° gusuzuma ibibazo by'abashoramari no gufata ingamba zo kwihutisha ikemurwa ryabyo;

4° kugaragaza izindi nzego z'ubukungu zitabwaho mbere y'izindi zemezwa n'Inama y'Abaminisitiri;

5° gutanga ingamba zihuse zo kongera ihiganwa no kuzamuka k'urwego rw'abikorera.

**<u>Section 2</u>: Institutional arrangement in investment facilitation**

**<u>Article 15</u>: Private Investment Committee**

There is established the Private Investment Committee. It has the following duties:

1º to review and approve proposed strategic investment projects for negotiation of an agreement with the Government;

2º to review and approve proposed additional investment incentives to be granted to strategic investment projects;

3º to discuss investors' issues and propose acceleration measures to resolve them;

4º to identify other priority economic sectors to be approved by the Cabinet;

5º to provide fast-track measures to increase competitiveness and private sector growth.

**<u>Section 2</u>: Arrangement institutionnel en matière de facilitation de l'investissement**

**<u>Article 15</u>: Comité des investissements privés**

Il est établi un comité des investissements privés. Il a les attributions suivantes:

1º examiner et approuver les projets d'investissement stratégique proposés en vue de négocier un accord avec le Gouvernement;

2º examiner et approuver les incitants à l'investissement supplémentaires proposés pour les projets d'investissement stratégique;

3º discuter des questions relatives aux investisseurs et proposer des mesures d'accélération pour les résoudre;

4º identifier d'autres secteurs économiques prioritaires à être approuvées par le Conseil des Ministres;

5º proposer des mesures d'accélération pour accroître la compétitivité et la croissance du secteur privé;

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena izindi nshingano za Komite ishinzwe ishoramari ryigenga, abayigize, imiterere n'imikorere byayo.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Uruhare rw'Urwego mu guteza imbere no korohereza ishoramari**

Uruhare rw'Urwego mu guteza imbere no korohereza ishoramari ni uru rukurikira:

1° kugenzura ku buryo buhoraho ibikorwa by'umushoramari wanditse;

2° kubika igitabo cy'ibyemezo by'ishoramari, impushya z'akazi, viza, n'izindi nyandiko zijyanye n'ikigo cy'ishoramari cyanditswe;

3° gukurikirana imishinga y'ishoramari kugira ngo ibyemezo bishishikariza ishoramari bigere ku mishinga yubahirije ibisabwa na gahunda y'umushinga umushoramari yatanze;

4° gufasha gukemura impaka mu bwumvikane zivutse hagati y'umushoramari n'urwego rwa Leta;

5° guhagararira Guverinoma mu biganiro

An Order of the Prime Minister determines other duties of the Private Investment Committee, its composition and functioning.

**<u>Article 16</u>: Role of the Board in investment promotion and facilitation**

The role of the Board in investment promotion and facilitation is as follows:

1 ° ensure regular monitoring of registered investor's operations;

2 ° keep records related to investment certificates, work permits, visas and other documents pertaining to the registered investment enterprise;

3 ° carry out monitoring of investment projects in order to ensure that incentives are directed to the projects which adhere to the requirements and the investor's submitted business plan;

4 ° facilitate amicable settlement of disputes that may arise between an investor and a State organ;

5 ° represent the Government in

Un arrêté du Premier Ministre détermine d'autres attributions du Comité des investissements privés, sa composition et son fonctionnement.

**<u>Article 16</u>: Rôle de l'Office dans la promotion et la facilitation des investissements**

Le rôle de l'Office dans la promotion et la facilitation des investissements est le suivant:

1 ºfaire le suivi régulier des activités d'un investisseur enregistré;

2 ºtenir le registre des certificats d'investissement, des permis de travail, des visas et d'autre documents relatifs à l'entreprise d'investissement enregistrée;

3 ºfaire le suivi des projets d'investissement afin de s'assurer que les incitants à l'investissement sont orientés aux projets respectant les conditions requises et le plan d'affaires soumis par l'investisseur;

4 ºcontribuer à résoudre à l'amiable des différends éventuels entre un investisseur et un organe de l'État;

5 ºreprésenter le Gouvernement lors des

ku masezerano y'ishoramari;

6° kwirinda gutangaza amakuru y'ibanga atanzwe n'umushoramari.

**<u>UMUTWE WA III:</u> KWANDIKISHA ISHORAMARI N'ICYEMEZO CY'ISHORAMARI**

**<u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwandikisha ishoramari**

**<u>Ingingo ya 17:</u> Ubusabe bwo kwandikisha ishoramari**

Ikigo cy'ubucuruzi cyifuza kwandikisha ishoramari gishyikiriza ubusabe Urwego.

Idosiye y'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari igizwe n'inyandiko zikurikira:

1° impapuro z'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari zujujwe;

2° icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete;

3° gahunda y'umushinga w'ishoramari

negotiating investment agreements;

6 º avoid disclosing confidential information provided by an investor.

**<u>CHAPTER III</u>: INVESTMENT REGISTRATION AND INVESTMENT CERTIFICATE**

**<u>Section One</u>: Investment registration**

**<u>Article 17</u>: Application for investment registration**

A commercial entity wishing to register an investment files an application thereof with the Board.

The application for registration of investment contains the following documents:

1 º a filled investment registration application form;

2 º a certificate of incorporation;

3 º a business plan that includes at least

négociations relatives aux accords d'investissement;

6 ºéviter de révéler les informations confidentielles fournies par un investisseur.

**<u>CHAPITRE III</u>: ENREGISTREMENT D'UN INVESTISSEMENT ET CERTIFICAT D'INVESTISSEMENT**

**<u>Section première</u>: Enregistrement d'un investissement**

**<u>Article 17</u>: Demande d'enregistrement d'un investissement**

Une entité commerciale qui désire faire enregistrer un investissement en fait la demande auprès de l'Office.

La demande d'enregistrement d'un investissement contient les documents suivants:

1 º un formulaire de demande d'enregistrement rempli;

2 º un certificat de constitution;

3 º un plan d'affaires qui comprend au

ikubiyemo nibura ibi bikurikira:

a) amazina n'ibisobanuro ku mushinga ishoramari rikorwamo cyangwa rizakorwamo;

b) gahunda y'ibikorwa;

c) itariki ibikorwa bizatangiriraho;

d) ibisobanuro birambuye ku bikoresho fatizo biboneka mu Rwanda cyangwa aho ishoramari rikorerwa by'umwihariko;

e) ibisobanuro birambuye ku nkunga cyangwa ku mutungo bizakoreshwa mu ishoramari biturutse mu mahanga n'igihe bizakoresherezwa;

f) inyigo ku miterere y'isoko;

g) ibisobanuro birambuye ku ihererekanywa ry'ikoranabuhanga n'iry'ubumenyiriteganywa gukorwa;

h) imbonerahamwe igaragaza mu mibare imikorere y'umushinga mu gihe cy'imyaka itanu (5);

the following:

a) the name of the project and detailed information on the project in which investment is or will be made;

b) an action plan;

c) date of commencement of operations;

d) detailed information on raw materials sourced in Rwanda or in the locality where the investment is operating;

e) detailed information on financing or assets to be sourced abroad, including the timeframe in which the finance or assets are invested;

f) a market survey;

g) details of the projected technology and knowledge transfer;

h) a table that indicates five-year income projections for the investment project;

moins les éléments suivants:

a) le nom du projet et les informations détaillées sur le projet dans lequel l'investissement est ou sera réalisé;

b) le plan d'action;

c) la date du début des activités;

d) les informations détaillées sur des matières premières disponibles au Rwanda ou dans la localité du site d'investissement;

e) les informations détaillées sur le financement ou les actifs à investir devant provenir de l'étranger et les délais dans lesquels le financement et les actifs doivent être investis;

f) une étude de marché;

g) les détails sur le transfert prévu de technologie et de connaissances;

h) un tableau qui indique les prévisions de revenu sur cinq (5) ans relatives à la réalisation du projet d'investissement;

4° icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije ry'umushinga;

5° umubare w'abakozi bateganyijwe n'ibyiciro by'imirimo izatangwa;

6° inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwandikisha ishoramari adasubizwa;

7° uruhushya rwatanzwe n'urwego ashaka gukoreramo.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere **y'**impapuro z'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari n'amafaranga yo kwandikisha ishoramari adasubizwa.

**<u>Ingingo ya 18:</u> Isuzuma ry'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari**

Urwego rusuzuma inyandiko zigize idosiye y'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari rukayifataho icyemezo.

Iyo idosiye y'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari yuzuye, Urwego rwandika ishoramari kandi rugaha umushoramari wanditswe icyemezo cy'ishoramari mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsi ubusabe bwakiriweho.

4 º a project environmental impact assessment certificate;

5 º the projected number of employees and categories of employments;

6 º a proof of payment of non-refundable registration fee;

7 º a license granted by the business sector in which the investor intends to operate.

An Order of the Minister determines investment registration application form and non-refundable registration fee.

**<u>Article 18</u>: Consideration of an application for investment registration**

The Board considers the documents contained in the application file for registration of an investment and makes a decision thereon.

If the application file for registration of the investment is complete, the Board registers investment, and issues an investment certificate to the registered investor within two (2) working days from the date of receipt of the application.

4 º un certificat d'étude d'impact environnemental du projet ;

5 º l'effectif des employés prévus et les catégories d'emplois ;

6 º une preuve de payement des frais d'enregistrement non remboursables ;

7 º une licence octroyée par le secteur d'activité dans lequel l'investisseur a l'intention d'opérer.

Un arrêté du Ministre détermine le formulaire de demande d'enregistrement d'un investissement et les frais d'enregistrement non remboursables.

**<u>Article 18</u>: Examen d'une demande d'enregistrement d'un investissement**

L'Office examine les documents contenus dans le dossier de demande d'enregistrement d'un investissement et prend la décision à cet égard.

Lorsque le dossier de demande d'enregistrement d'un investissement est complet, l'Office enregistre l'investissement et délivre un certificat d'investissement à un investisseur enregistré dans les deux (2) jours ouvrables suivant la réception de la demande.

Iyo idosiye y'ubusabe bwo kwandikisha ishoramari ituzuye, Urwego ntirwemera ubusabe kandi rubimenyesha umushoramari wanditswe, mu nyandiko igaragaza impamvu ubusabe butemewe, mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsi ubusabe bwakiriweho.

If the application file for registration of an investment is not complete, the Board rejects the application and informs, in writing, the registered investor, of reasons for rejection within two (2) working days from the date of receipt of the application.

Lorsque le dossier de demande d'enregistrement d'un investissement n'est pas complet, l'Office rejette la demande et en informe par écrit l'investisseur enregistré des motifs de rejet dans les deux (2) jours ouvrables suivant la réception de la demande.

**Icyiciro cya 2: Icyemezo cy'ishoramari**

**Section 2: Investment certificate**

**Section 2: Certificat d'investissement**

**Ingingo ya 19: Agaciro k'icyemezo cy'ishoramari**

**Article 19: Validity of an investment certificate**

**Article 19: Validité d'un certificat d'enregistrement**

Icyemezo cy'ishoramari kigira agaciro mu gihe kingana n'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye ku munsi cyatangiwe.

Icyakora, icyemezo cy'ishoramari gishobora kongererwa igihe bisabwe n'umushoramari wanditswe. Igihe cy'inyongera kingana n'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Ubusabe bwo kongerera igihe icyemezo cy'ishoramari bushyikirizwa Urwego kandi bwishyurirwa amafaranga icyemezo adasubizwa.

Iteka rya Minisitiri rigena amafaranga yo kongerera igihe icyemezo adasubizwa.

An investment certificate is valid for a period of five (5) years from the date of its issuance.

However, an investment certificate can be renewed on request by a registered investor. The period of renewal is five (5) years renewable.

